Individu ( André BIMENYIMANA

Le Arc

Le 18/3/1994

1D ——— 7p

CAC & ARI
Maître André BIMENYIMANA
BP. 218 KIGALI.

Kigali,kuwa 18/3/94

Classement dossier Rugende

A traiter par ...............
DJ
Date entrée : 23/3/94
Classement : 1028/2110

Nyakubahwa Bourgmestri wa Komini
Rubungo.
KIGALI.

25/3/94

Impamvu: Kubahiriza ibaruwa
ya Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi N°80/07.12
yo kuwa 13/1/1994.

Nyakubahwa Bourgmestri,

Taliki ya 16 werurwe 1994,nazanye n'umuturage BAVUGILIJE Nicolas mu nama mwayoboye i Mbandazi kugirango ndusheho gusobanukirwa ikibazo yali yangejejeho : ko Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi yamugeneye aho akorera ibikorwa by'ubuhinzi mu gishanga cya Rrugende,aliko abaturage bakaba barahigabije mubyo bise "Kubohoza".

Mulibuka ko icyo kibazo cyaje gusubizwa ibubisi n'ijambo uwitwa MAKOMBE bavuga ko ashinzwe urubyiruko n'amashyirahamwe muli Komini Gikoro yavuze ashinja Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi ngo kuba yarakoze amakosa igihe yageneraga BAVUGILIJE aho agomba guhinga kandi ngo harahawe Ministeri y'urubyiruko n'amashyirahamwe mu nyandiko iyo Ministeri ngo yaba yaragiranye na Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi.

Mulibuka ko uwo MAKOMBE aterekanye iyo nyandiko ngo kuko atali yayizanye kandi nyamara yaje mu nama aziko icyo kibazo cyali ku murongo w'ibyigwa,aliko yavuze ko azayibashyikiriza. Bityo mukaba mwaranzuye icyo kibazo muvuga ko abaturage bakomeza guhinga aho hantu Ministri yageneye BAVUGILIJE mu gihe hategerejwe ko inzego zo hejuru (Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi na Ministeri y'urubyiruko n'amashyirahamwe)zumvikana. Ndagirango mbahe ibitekerezo kuli uwo mwanzuro mwafashe utaranshimishije na busa.

1. Ubutaka bugengwa na Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi n'amashyamba. Ntabwo Ministri ashobora kumvikana n'undi Ministri ngo ibikorwa ibi n'ibi yali ashinzwe bive muli Ministeri ye bijye muyindi,kubera ko ibikorwa muli Ministeri biba byaragenwe n'urwego rusumbye Ministri : Iteka rya Perezida.

2. Twese twi yuko hifujwe ko ibishanga byahabwa mbere na mbere amashyirahamwe y'urubyiruko bitavuze ko babyigabiza uko bishakiye. Mu gihe aliko nta shyirahamwe rizwi libonetse ngo lisabe ahantu, Ministri ugenga ubutaka ntiyakwanga guha aho hantu umuntu ku giti cye ugaragaje ubushake bwo kuhashyira mu gaciro.

3. Biramutse byarabayeho (birashoboka) ko Ministeri y'ubuhinzi n'ubworozi yahaye Ministeri y'urubyiruko n'amashyirahamwe Hegitari 400 z'ibishanga bya Rugende-Rumirabashyi, byaba ali ukugirango iyo Ministeri yabihawe ikoreshe urubyiruko n'amashyirahamwe maze ibyo bishanga bitunganywe bibyazwe umusaruro. Iyo itabikoze, Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi ufite ububasha kuli ibyo bishanga abiha abandi nta mpaka.

..../....

Muzi namwe ko nta shyirahamwe ry'urubyiruko,nta n'undi muntu kugiti cye wigeze ahabwa aho hantu mbere ya BAVUGILIJE kandi ko nabo bahigabije bemereye mu nama ko ntawahababahaye.

4. Kutubahiriza kiriya cyemezo cya Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi ni ugusuzuguza ubutegetsi bwe mu baturage. Mwibaze namwe uko byagenda mufashe icyemezo mu rwego mulimo kandi kitabangamiye amategeko hakagira umu Konseye , ushyigikira abaturage bakigometseho $ Ese mwali muziko abo bantu bahatsimbarараho kubera ko bahagurishijwe n'abali bahigabije mbere,kandi ko nta n'umwe wahatemye ishyamba kuko hahoze hahingwa na HIGIROL Léonidas ?

5. Bariya baturage barigerezaho. Mukwiye kubabwira bagahagarika ibyo balimo bakora hariya hantu,kandi ntibababibangira. Ikibazo nigishyikirizwa inkiko bazahagirira ingorane kuko bashobora kuryozwa umusaruro bavukije BAVUGIRIJE kuva igihe yahaherewe.

Ngibyo ,Nyakubahwa Bourgmestri,ibitekerezo bishingiye ku mategeko kandi byubaka nashakaga kubagezaho,mbatera inkunga kugirango mukemure icyo kibazo mu butabera no mu bwubahane bw'inzego z'ubutegetsi.

Murakoze.

André BIMENYIMANA

Bimenyeshejwe :

- Ministri w'ubuhinzi n'ubworozi KIGALI.

- Bwana Umuyobozi wa Génie Rural KIGALI.

- Bwana Bourgmestri wa Komini GIKORO.

- Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe KIGALI.

Annexes - Antécedents

PS. Tubamenyeshe ko abitwa : HIGIRO Léonidas, HABIMANA Joseph, NZIRORERA Joseph,NGENDAHAYO Placide na ZIGIRINSHUTI Vincent,nabo bahawe kimwe na BAVUGILIJE,amaparceli muli icyo gishanga cya Rugende kandi badikanyijwe nta kibazo bafite.

/K.J.B/R.T/DGR&CS/
REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'AGRICULTURE
ET DE L'ELEVAGE
B.P. 621 KIGALI

Kigali, kuwa 13 JAN. 1994

N° 80/07.12

Bwana BAVUGILIJE Nicolas
Segiteri GICACA (RUGENDE)
Komini GIKORO

Impamvu:
Kwemererwa ubutaka mu gishanga cya Rugende.

Bwana,

Nkurikije ibaruwa yawe yo kuwa 10/12/1993 yibutsaga iyo kuwa 14/08/1989 yasabaga umurima mu gishanga cya Rugende wo gutunganyirizamo umushinga w'ubuhinzi bw'imboga, ndakumenyesha ko nshyigikiye ibikorwa byose bigamije guteza imbere ubuhinzi. Ukaba rero usabwe gutangira gushyira mu bikorwa uwo mushinga k'ubutaka wari waterewe imbago nkuko zigaragazwa n'igishushanyo kigeretse kuri iyi baruwa.

MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI
F.NZAMURAMBAHO.

p.o. [signature]

Dr KABEJA Thomas
Directeur de Cabinet

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'AGRICULTURE ET DE L'ELEVAGE

Bimenyeshejwe:
- Bwana Perefe wa Perefegitura KIGALI
- Bwana Umuyobozi wa Génie Rural no Gufata Ubutaka neza KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere k'Ubuhinzi KIGALI
- Bwana Burugumesitiri wa Komini GIKORO
- Bwana Burugumesitiri wa Komini RUBUNGO

PARCELLE N° 05/ 735 GIKORO - KIGALI

OCCUPANT : BAVUGILIJE · NICOLAS

Visa du Chef de service:


Date : 12/01/1994

Pour le Chef de Division du Génie Rural

KARAGIRE Jean Bosco

[signature]

Rep. Rwandaise ... Minagri ... Génie Rural-Conservation des Sols




| Sommets | Long | Angles |
|---|---|---|
| 1 | | 56.92 |
| | 316.00 | |
| 2 | | 87.47 |
| | 122.00 | |
| 3 | | 156.86 |
| | 75.99 | |
| 4 | | 252.46 |
| | 117.98 | |
| 5 | | 46.31 |
| | 363.98 | |
| 1 | | |

ECHELLE:- 1/2000

SUPERFICIE : 4ha 36 a 71ca

Il s'agit du marais Rugende-Gasagara hamwe na Higiro-Habimana na Ziginshuti culture de la Canne à Sucre-

BAVUGIRIJE Nicolas
Segiteri GICACA
Komini GIKORO
K I G A L I .

Gikoro, le 26/0I/1994.

Bwana Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi
K I G A L I .

IMPAMVU: Imyifatire y'Ama Komini ku kibazo CY'UBUTAKA nahawe muli RUGENDE.

Bwana Ministri,

Nkurikije ibaruwa yanyu n° 80/07.I2 yo kw'itariki ya 13 Mutarama 1994 yasubizaga iyo nabandikiye tariki ya 10/I2/1993 yabasabaga kundengamura kubera ko nasabye Leta y'u Rwanda ihagarariwe na MINAGRI,ubutaka bwo gushyiramo ibikorwa by'ubuhinzi muli RUGENDE, Segiteri GICACA, Komini GIKORO, Perefegitura KIGALI.

Ibaruwa isaba nayanditse tariki 14/08/I989, nemererwa tariki 17/08/I989, Ministri w'Ubuhinzi ategeka Service ze zishinzwe uturere turimo ibishanga byatunganijwe (Bireba gusa MINAGRI) bita mu gifransa (ZONES AGRICOLES AMENAGEES), kunkorera ibishoboka byose bakankorera igishushanyo mbonera kandi bakanterera imbago nkuko bigaragazwa n'icyo gishushanyo. Kubera ariko ko imilimo ya Leta iba ali myinshi hakaba iyihutirwa bita Prioritaires, icyo gishushanyo cyabonetse muli 1990. Muli 1991 ngiye gutangira umushinga nemerewe, abaturage bo muli Komini RUBUNGO bihaye guhingamo ku ngufu, ndetse bashuka n'abandi bake bo muli GIKORO ngo bahoze bahinga aho nahawe, bateramo imyaka idafashije, aliko ar'uguhimana kubera ko nta n'ingufu zabo bashoye uretse guhimana kuko mbere hahingwaga na HIGIRO Léonidas bakaza kutugabanya. Muri 1992 twahuruje Ubutegetsi bw'ama Komini, RUBUNGO ihagararirwa na Conseiller wa Segiteri RUSORORO, GIKORO ihagararirwa na Conseiller wa Segiteri GICACA, MINAGRI ihagararirwa na Agronome RUFURUKA Géard wari ushinzwe Marais RUGENDE-RUMIRABAHASHYI. Abari basabye kurenganurwa ni HIGIRO nanjye BAVUGILIJE Nicolas. Nyuma y'impaka nyinshi zagiwe, hemejwe ko abo bihaye kubohoza bazakuramo imyaka bahinzemo bakadusubiza ahantu twahawe hakurikijwe amategeko. Naho ko bo nta muntu n'umwe bigeze basaba, yaba MINAGRI CYANGWA se KOMINI, ndetse n'ubutegetsi bwa Segiteri ngo bubavuganire.

Mu magambo make, sinananiwe gushyira mu bikorwa Umushinga w'ubuhinzi nemerewe, ahubwo abo bantu bacuze umugambi ngo wo kuzajya bungikanya guhingamo imyaka niyo itaba ari ngombwa, ngo buri gihe cyose mpakeneye nsange harimo ibihingwa ngo sinzatinyuka kubyangiza.

Munama y'umutekano rero yabereye muli Komini RUBUNGO, (RUSORORO) tariki ya 25.0I.1994, igizwe n'amakomini : GIKORO, BICUMBI na KANOMBE ariko batarantumiye ngo nisobanure, ngo hafashwe ibyemezo ko ngo basanze Visa na Cachet biri kuli Fishi y'igishushanyo ali iya vuba, ngo ndetse n'ibaruwa atari iya kera, bakaba basa n'abashaka kutanshigikira.

... / ...

Nagirango menyeshe abategetsi ba za Komini basuzumye icyo kibazo ko ibaruwa yo kw'itariki 10/I2/I993 itariyo gusaba ubwo butaka, ahubwo yari iyo gutakambira MINAGRI mbamenyesha ko abantu banvogereye ubutaka nahawe hakurikijwe amategeko, aħi nabwo MINAGRI yashyizeho commission yo kureba ibyo bintu, igakora rapport. Ikindi nsobanura, n'uko kiriya gishushanyo cy'imbago bose bavuga ko ar'icyo nihimbiye mu buryo bwa Fraude kandi nkaba aricyo naberetse bose munama twakoranye muli RUGENDE muw'1992. MINAGRI rero yagombaga kwemeza ko ikizi. Mbashyiriyeho ikitariho Visa bazarebe ko atari bimwe.

Ndangije nongera gusaba Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ko ifatanije n'Abategetsi b'Ama Komini GIKORO na RUBUNGO, ko bandenganura nkuko nabisabye kuva kera nshaka gukora Umushinga w'Ubuhinzi nkabyemererwa, kandi nkaba nzi ko nta wundi MINAGRI yawemereye kugeza uyu munsi. Abo kandi bitwaza ngo barahahinga, bamwe muli bo bagiye bahagurisha.

Mbaye mbashimiye inkunga muzantera.

Nicolas BAVUGILIJE.

Bimenyeshejwe :

- Bwana Prefet wa Prefegitura
  K I G A L I .
- Bwana Umuyobozi wa Génie Rural
  no gufata Ubutaka neza
  K I G A L I .
- Bwana Umuyobozi w'Akarere k'Ubuhinzi
  K I G A L I .
- Bwana Burugumestri wa Komini
  GIKORO.
- Bwana Burgmestri wa Komini
  RUBUNGO.
- Bwana Encadreur MAKOMBE
  wa Komini
  GIKORO.

A N N E X E S :

- Ibaruwa nasabiyeho nka nemererwa (Avis favorable)
- Fiches cadastrales 2 zitandukanye
- Ibaruwa ya Conseiller wa GICACA yandikiye
  Mugenzi we wa RUSORORO.

Gicaca le 26/11/1997

Bwana conseiller wa Segiteri Rutororo

Bwana Conseiller

Mutamere. Naje rero murikubaza igihe
twari kumwe na nawe muri cellule
Rugende ~~ejo~~ ku kibazo ayerekeye
abantu bigabije imirima ya Higiro
Yohani mu butegetsi. ubwo rero icyo
gihe muribuka ko mwakijije mu kibazo
cya Bavugirije Nicolas. Umwanzuro
wafatiwe muri iyo nama twemeje ko
abaturage mubasarura imyaka yabo
bagasubiza imirima bene yo. Higiro
imirima ye barayimuhaye ariko Bavugirije
ntabwo bigeze bamusubiza abantu be
ibi rero kubikumenyesha ni uko abaturage
bigabije iyo mirima ari abo muri
Segiteri yawe musabwe rero
kumvisha abo baturage bakava
mu murima Bavugirije yohani
afite parcelle No 05/731 n'ukuto byerekanwa
n'icyemezo afite. Mugire amahoro

Conseiller Nzaramba Mustafa

Secteur GICACA
Commune GIKORO
Préfecture Kigali